REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°30/2018: **Taliki ya 1–31 Ukwakira 2018**

Ryoherejwe kuwa 2 Ugushyingo 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse Ukwakira 2018; cyagaragaje imvura yabaye nkeya mu majyepfo y'Uburasirazuba mu gihe ahandi habonetse imvura iri mu rugero
- Amashusho y'icyogajuru arerekana ubuhehere bw'ubutaka bubereye ibihingwa mu gice cya gatatu ndetse n'icya kabiri (guhera taliki ya 20 kugeza taliki ya nyuma y'ukwezi kw'Ukwakira_2018)
- **Ukwezi kwa Ugushyingo_2018;** hateganyijwe imvura **izaboneka kimwe nk'imvura yabonetse mu kwezi kw'Ukwakira**_2108

I. Iriburiro

Igiteranyo cy'imvura yabonetse Ukwakira 2018; cyagaragaje imvura yabaye nkeya mu majyepfo y'Uburasirazuba mu gihe ahandi habonetse imvura iri mu rugero

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye muri Ukwakira_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Ukwakira_2018	Ukwakira
Kigali (Kanombe)	69.0	97.4
Rusizi (Kamembe)	127.7	162.2
Rubavu (Gisenyi)	134.7	135.3
Nyamagabe (Gikongoro)	156.4	141.3
Ngoma (Kibungo)	67.9	96.5
Gicumbi (Byumba)	113.9	127.8
Bugarama	126.2	166.6
Bugarama	113.2	119.2
Musanze (Ruhengeri)	120.4	167.2
Gitega	125.6	112.1
Rubengera	144.5	133.1
Byimana	68.0	95.0
Kawangire	118.0	109.9
Nyagatare	107.2	117.5

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Ukwakira_2018; n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi

Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye muri Nzeri_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Ukwakira_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Ukwakira



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Nzeri_2018



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Nzeri



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu muri Ukwakira_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse Ukwakira 2018; cyagaragaje imvura ihagije yabonetse hose uretse mu majyepfo y'Uburasirazuba habonetse imvura nke ugereranyije n'isanzwe iboneka muri ayo mataliki (reba **Ikarita1&2** ndetse n'**Imbonerahamwe ya1**). Imvura nyinshi yabonetse mu Burengerazuba ugereranyije n'ahandi mu gihugu; igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Nzeri 2018; cyagaragaje imvura yari ku gipimo cyo hasi y'imvura isanzwe iboneka muri uko kwezi uretse mu majyaruguru y'Uburengerazuba hagaragaye imvura iri ku kigero gisanzwe ndetse akaba ari naho habonetse imvura nyinshi mu gihugu (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Ukwakira 2018 igice cya mbere Ikarita6: Ukwakira 2018 igice cya kabiri Ikarita7: Ukwakira 2018 igice cya gatatu

Ukwakira_2018; ubuhehere bw'ubutaka bubereye ibihingwa mu gice cya gatatu ndetse n'icya kabiri (guhera taliki ya 20 kugeza taliki ya nyuma y'ukwezi kw'Ukwakira_2018) kubera imvura yabonetse cyane mu minsi yo hagati muri uko kwezi; nubwo hagaragara ukugabanuka ku buhehere mu gice cya 3; ubutaka buracyafite ubuhehere bubereye ibihingwa byinshi (**Ikarita 5, 6&7;** zirerekana ibice bya Ukwakira; icya mbere; icya kabiri ndetse n'icya gatatu uko bikurikirana)

b) Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Ugushyingo_2018

Ibihe by'imvura bizakomeza kwiganza muri uku kwezi kw'Ugushyingo_2018; aho bigaragara ko imvura izaboneka hose hasi ku kigero kingana

- Umujyi wa Kigali: hateganijwe imvura iri hagati ya mm60 na mm150 mu byumweru bibiri by'uku kwezi
- Intara y'Uburasirazuba: hateganijwe imvura iri hagati ya mm60 na mm100 mu byumweru bibiri by'uku kwezi
- Intara y'Amajyepfo: hateganijwe imvura iri hagati ya mm40 na mm100 mu byumweru bibiri by'uku kwezi
- Intara y'Uburengerazuba: hateganijwe imvura iri hagati ya mm100 na mm200 mu byumweru bibiri by'uku kwezi
- Intara y'Amajyaruguru: hateganijwe imvura iri hagati ya mm80 na mm200 mu byumweru bibiri by'uku kwezi

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu minsi ije ya Ugushyingo_2018:



Ikarita7: Ugushyingo.2018 icyumweru cya mbere (1-7) Ikarita8: Ugushyingo.2018 icyumweru cya mbere (8-14)

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)